


Izindi nkuru zacu zasohotse



Illustrated by Rupert Bazambanza rbazambanza@yahoo.ca

Sugira

RUBYIRUKO
TWIRINDE INDA ZIDATEGANIJWE

Igice cya 2



HDP
HEALTH DEVELOPMENT AND PERFORMANCE

rbc RWANDA
BIOLOGICAL CENTER
A Healthy People, A Healthy Nation


REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI YUBUZIMA





Aho kwicara ngo ntegereeje
kumenyekana nkaba umukire, nakora
ikindi hafi gituma nta sabiriza...



Mugisha yahitaga ajya kubitsa umushahara we mu murenge Sako...

Iyo mbonye agafaranga naruhiye numva mfite ishema.



Mugisha kandi yafataga ku mafaranga ye akagura ikarita ya telefo ni kwa Keza nawe wari warhangiye umurimo. Keza yatanganga serivisi inoze ku bakiriya be...



Murakaza neza. Nabamarira iki?

Ese wari uzi ko aya mafaranga ubitsa buri cyumweru yazatuma tuguha inguzanyo bityo ukagura ubucuruzi bwawe?



Oya! Ubwo ndabimenye nzabitekereza ho.

Murakoze. Mwambwirira mushiki wanyu Uwera ko ntegereje amafaranga y'ikarita yafashe?



Urakoze, ndamubwira.

Mugisha yageze iwabo asanga se arate-tse. Nyina wa Mugisha na mushiki we Uwera yari yaritabye Imana...

Wiriwe papa! Ese ko utetse Uwera nta wuhari?



Nasanze aryamye!

Mwana wa, ko umaze kumva akamaro k'umurimo wazafashije na mushiki wawe ku kumva? Kuba imburamukoro bizana byinshi bibi. Njye yarananiye rwose. Afite ibyuma hariya adakura mu matwi!



Mugisha yahitaga ajya gukaraba iyo yatahaga avuye ku kazi...



Nyuma Mugisha yagiye kuvugisha Uwera...



Wiriwe! Koko ukareka data agateka yiriwe akora naho wowe wiryamiye nta nicyo wakoze umunsi wose! Biragayitse pe!



